# IMIYOBORERE MISHYA MU GIHUGU GISHYA :

# GUSENYA TUKUBAKA, KURANDURA TUGATERA, BIRI MU MUGAMBI W'UWITEKA! (YEREMIYA 1 :10)

Iyi nyandiko ikubiyemo ubutumwa bwatambutse kuri YouTube tariki ya 12.08.2024, mw'izina rya Ministeri y'Abahishuwe, butanzwe n'Umugaragu wa Yesu Kristo w'i Nazareti, **Nehemiya Ezra**, ari we Ambasaderi Jean-Marie Mbonimpa.

## IBIRIMO


Indamutso ... 2

Isengesho ... 2

Ubu butumwa bugamije iki ? ... 2

Impamvu z'isubiramo ... 3

Ingingo z'ingenzi z'isubiramo ... 3

**IGICE CYA MBERE ... 4**

1. Tuvuga turi bande, twatumwe na nde? ... 4

Intore za Yesu Kristo ... 4

2. Kuki twumva ko ibyananiye abanyapolitiki n'abandi bitwa ko baharanira impinduka mu bihugu byacu, twebwe tuzabishobora, ndetse tukanarenza ? 5

Ubuhamya bwa Nehemiya Ezra ... 5

Abanyapolitiki bataramenya ukuri nibikubite agashyi ... 5

3. Tuzinjizwa muri gakondo nta ntambara turwanye? ... 6

Intambara y'Umwuka niyo ibanza! ... 6

Uwizera yegukana intsinzi ! ... 7

4. Ko igihugu gishya kizayoborwa n'Umwami ahari hamenyerewe Repubulika, ibyo ntibyaba bihungabanya abibwira ko Ubwami bugarutse gusubiza rubanda mu bucakara? ... 7

Si ubwami bucakaraza bugarutse; haje ubwami butarabaho! ... 7

Ubwami bushya butaniye he n'ubwa Rudahigwa? ... 8

FPR-Inkotanyi yanze umuti wakiza u Rwanda ... 8

Repubulika si kamara! ... 9

5. Amahanga azemera igihugu gishya, kandi kizaba kivutse mu buryo bunyuranyije n'amategeko mpuzamahanga? ... 9

Inzika y'inzigo hagati y'amoko Hutu/Tutsi ... 10

Igihugu gishya kizifuzwa n'amahanga! ... 11

**IGICE CYA KABIRI ... 11**

Gusenya tukubaka, kurandura tugatera ... 11

1. Ku byerekeye Itorero ... 12

2. Ku byerekeye Ubuyobozi bw'Igihugu ... 13

3. Ku byerekeye imicungire y'ubukungu ... 13

Abahutu n'abatutsi bakeneye « délivrance » (kubohoka) ... 15

Icyaha rusange n'ubuhunzi ntibizongera kuzahaza abanyagihugu ... 15

Umuryango uzashyigikirwa bikomeye ... 16

**UMUSOZO ... 16**


...

## Indamutso

Mwene Data n'undi wese wiyemeje gusoma iyi nyandiko, turagushuhuje mw'izina risumba ayandi yose mw'isi yacu no mw'ijuru, n'ahandi hose habaho; iryo ni izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo.
Umuririmbyi yagize ati: « Iryo zina ni ryo rimpesha ubutware bwo kunesha iby'iyi si, rikamvana mu buretwa, rikampa umudendezo! Iryo zina rihebuje, ni ryo rinyiringiza ». Haleluya!

Naho mu Rwandiko rw'Abafilipi, aho Pawulo intumwa avuga ku kwicisha bugufi kwa Yesu wiyambuye Ubumana agapfira ku musaraba w'isoni kugira ngo acungure inyoko muntu, haranditse ngo :
« Ni cyo cyatumye Imana imushyira hejuru cyane, ikamuha izina risumba ayandi mazina yose, kugira ngo amavi yose amupfukamire, ari mu ijuru, mu isi, cyangwa ikuzimu, kandi indimi zose zihamye ko Yesu Kristo ari Uwiteka, ngo Imana Data wa twese ihimbazwe » (Abafilipi 2 :8-9). Haleluya!

Rero, wowe uri gusoma iyi nyandiko, tukwifurije ibihe byiza no gufashwa n'amakuru n'impuguro uri buvane mu byo usomye.

## Isengesho

Mbere yo kwinjira mu butumwa nyirizina, reka twiragize Imana isumba byose, duhamagare n'Umwuka Wera, ngo abane natwe muri iyi gahunda.

*« Data wa twese uri mw'Ijuru, uri Imana ishobora byose, Imana igenga byose, Imana igena byose, ntawarondora ububasha bwawe. Data Wera, Mana y'urukundo, nongeye kugushimira ko wangize Umwana wawe, umwana w'ubugingo, mbikesheje igitambo watanzeho ku Musaraba Umwana wawe w'ikinege Yesu Kristo, kugira ngo abamwizera bose batarimbuka, ahubwo bahabwe ubugingo buhoraho.*
*Yesu Kristo, Mwami wanjye mucunguzi wanjye, nguhaye icyubahiro cyose kuko uragikwiriye, nta n'umwe wakikuburanya, dore ko wanagitsindiye, kandi nongeye kugushimira amaraso wameneye ku musaraba, ari nayo nkesha agakiza n'ubugingo bw'iteka. Ndagushimira kandi ubuntu butangaje wangiriye, untoranyiriza kuba umwe mu bagabo bo kuguhamya mw'Itorero ryawe rya nyuma no mu gihugu gishya tugiye guhabwaho gakondo. Mwuka Wera, Mwuka wa Data, Mwuka wa Kristo, ubane natwe muri ubu butumwa, bwibande ku bishyira hejuru Umwami wacu Yesu Kristo, kandi ndakwinginze Mwuka w'Imbaraga, Mwuka w'Ubwenge, ngo uherekeze ubu butumwa, bugirire umumaro ababwakiriye bakabuha agaciro ; bamwe bongererwe imbaraga mu by'Umwuka, abandi begurire Kristo ubuzima bwabo, ngo ababere Umwami n'Umukiza.*
*Data wa twese, Data mwiza, urakoze ko wumvise iri sengesho nkugejejeho mu kwizera, mw'izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo w'i Nazareti, izina risumba ayandi mazina yose; Amen! Amen! »*

## Ubu butumwa bugamije iki?

Ikigendererwa nyamukuru, ni ukwibukiranya ingingo z'ingenzi z'ibyavuzwe muri aya mezi 9 ashize, ku miyoborere idasanzwe izaranga igihugu gishya Intore za Yesu Kristo zigiye guhabwaho gakondo mu karere k'Ibiyaga Bigari by'Afurika yo hagati. Harerekanwa ukuntu ibishya tuzabamo bizaba ari ibyo amaso atigeze abona, ibyo amatwi atigeze yumva, ari mu mikorere y'Itorero, mu miyoborere y'igihugu, mu micungire y'ubukungu no mu mibereho y'abanyagihugu. Ibyo bijyanye n'umutwe w'amagambo ugira uti :
**Imiyoborere mishya mu gihugu gishya : Gusenya tukubaka, kurandura tugatera, biri mu mugambi w'Uwiteka !**

Iyo nsanganyamatsiko turayirambura mu gice cya kabiri cy'ubu butumwa, kuko mu gice cya mbere, twifuje kwibutsa muri make zimwe mu ngingo z'ingenzi zavuzweho kugeza ubu, mu biganiro byahise kuri topic y'imiyoborere mishya mu gihugu gishya.

## Impamvu z'isubiramo

Mu buryo bw'Umwuka, iki gihe turimo twitegura kwinjizwa muri gakondo yacu mu karere k'Ibiyaga Bigari by'Afurika, cyagereranywa n'icy'Abisirayeli, ubwo bari hafi kwambuka uruzi rwa Yordani, ngo binjire i Kanani, igihugu Imana yari yarabahayeho umurage, yubahirije amasezerano yagiranye na Sekuruza wabo Aburahamu. Icyo gihe Mose yabibukije amateka baciyemo mu rugendo bari bamazemo hafi imyaka 40 bavanywe mu buretwa muri Egiputa, abasubiriramo amategeko n'amabwiriza yo kwitondera, anabibutsa ibizabazanira imigisha n'ibizabakururira imivumo, bitewe n'uko bazitwara mu gihugu cy'isezerano.

Ibyo byose bikubiye mu Gitabo cya Bibiliya cyitwa **Gutegeka kwa Kabiri** cyangwa **Ivugururamategeko**. Ikirundi nicyo cyumvikanisha neza iby'isubiramo, kuko icyo gitabo cyitwa **Gusubira mu Vyagezwe**.

Natwe rero muri Ministeri y'Abahishuwe, twumva iki ari igihe cyo gusubira mu byo twatangaje ku **Miyoborere mishya mu gihugu gishya**, muri aya mezi 9 ashize tuvuga kuri iyo nsanganyamatsiko. Bijyanye n'imyiteguro ituganisha mu gihugu Uwiteka agiye kutugabiza, tukazakinjiramo tuzi ibyacyo, cyane cyane ku bijyanye n'ibishya tuvuga ko bizaba bitandukanye cyane n'ibimenyerewe. Muri ibyo bishya, harimo ubuyobozi bwubaha Imana n'Abahanuzi, buzaranga igihugu gishya kidutegereje.

Ikindi gikomeye cyo kuzirikana muri ibi bihe twitegura kwambuka tugana mu gihugu cy'isezerano, ni impuguro Umukozi w'Imana utuyoboye amaze iminsi atsindagira, yibutsa ko gakondo iruta izindi zose ari gakondo yo mw'Ijuru, duhabwa n'agakiza kabonerwa muri Yesu Kristo, ku bamwizera bakamwegurira ubugingo bwabo, ngo ababere Umwami, Umukiza n'Umucunguzi.
Niyo mpamvu mu mpera z'ubu butumwa, twateganyirije umwanya abifuza gukizwa, bagatunganya icyo gikorwa bakurikije amabwiriza bahawe.

## Ingingo z'ingenzi z'isubiramo

Tugarutse ku butumwa bw'isubiramo cyangwa kwibukiranya, ari byo twakwita révision cyangwa récapitulation mu rurimi rw'igifaransa, twavuga ko ari incamake ishingiye ku bibazo bitanu bikurikira:

(1) Tuvuga turi bande, twatumwe na nde ?
(2) Kuki twumva ko ibyananiye abanyapolitiki n'abandi bitwa ko baharanira impinduka mu bihugu byacu, twebwe tuzabishobora, ndetse tukanarenza ?
(3) Tuzinjizwa muri gakondo nta ntambara turwanye ?
(4) Ko igihugu gishya kizayoborwa n'Umwami ahari hamenyerewe Repubulika, ibyo ntibyaba bihungabanya abibwira ko Ubwami bugarutse gusubiza rubanda mu bucakara ?
(5) Amahanga azemera igihugu gishya, kandi kizaba kivutse mu buryo bunyuranyije n'amategeko mpuzamahanga ?

Mu **GICE CYA MBERE** cy'ubu butumwa, turasubiza ibyo bibazo uko ari bitanu.

Mbere yo gusubiza ibyo bibazo, twongeye kwisegura kuri Bene Data b'Abarundi n'Abanyekongo, kubera ko ibitekerezo byinshi bitangwa mu butumwa ku miyoborere y'igihugu, bigusha ahanini ku mateka y'u Rwanda. Impamvu ni uko u Rwanda ari cyo gihugu nyirugutanga ubutumwa akomokamo, kandi yakozemo imirimo inyuranye, bityo bikamworohera kucyerekezaho ibitekererezo n'amasesengura, kuko aba avuga ibyo yabayemo cyangwa yakurikiraniye hafi.

# IGICE CYA MBERE

## 1. Tuvuga turi bande, twatumwe na nde ?

Ubutumwa ku Miyoborere mishya mu gihugu gishya bwatangiye gutambutswa kuri YouTube tariki ya 03.11.2023. Kugeza ubu, hamaze guhita ibiganiro 12, ni ukuvuga ibiganiro 9 mu rurimi rw'ikinyarwanda, n'ibiganiro 3 mu ndimi z'amahanga : igifaransa, igiswahili n'icyongereza. Ibyo biganiro byose byakusanyirijwe hamwe, ku rutonde (playlist) rwerekana titre ya buri kiganiro n'itariki yacyo, kugira ngo abifuza kubyumva babigereho mu buryo buboroheye. (Kanda kuri **link** ikwinjiza kuri iyo playlist kuri YouTube, Channel y'UBUBYUTSE MURI AFURIKA HAGATI)

Ibyo biganiro ku Miyoborere bitangwa mw'izina rya Ministeri y'Abahishuwe, iyobowe n'Umuja wa Yesu Kristo w'i Nazareti, Marie Esther Murebwayire, uzwi na none kw'izina rya Mamawamahanga. Mu mwaka w'1996, nibwo Umwami w'Abami Yesu Kristo, ubwe yamwitoranyirije ngo amukoreshe ibidasanzwe mu buryo budasanzwe kandi bwihariye, mu karere k'Ibiyaga Bigari by'Afurika yo hagati, ndetse no mw'isi yose.

Kuva mu mwaka w'2016, Mamawamahanga anyuza kuri YouTube ibiganiro byiganjemo ubutumwa bw'imbuzi n'ubuhanuzi.

Ahandi hanyuzwa amakuru y'umurimo wacu ni ku rubuga rwa internet *abahishuwe.org*, rubonekaho Bibiliya mu majwi, hamwe n'inyandiko n'ibiganiro binyuranye, ku bijyanye n'umuhamagaro wa Mamawamahanga n'uw'Abahishuwe. Muri ibyo biganiro, harimo n'ibya mbere y'umwaka w'2016, byahise kuri Radio Itahuka na Blog Talk Radio kuva mu mwaka w'2012.

Twakwibutsa kandi igitabo Marie Esther Murebwayire yanditse, cyasohotse mu mwaka w'2013. Cyitwa ***Umuzi w'inzika y'inzigo*** *; Rwanda, nyuma y'amahirwe ya nyuma* ; kiboneka kuri ***amazon*****.**

Abahishuwe ntabwo turi idini, ibyo byarasobanuwe bihagije. Turi Abakristo bahamagawe, baratoranywa, bashyirwa ku ruhande na Yesu Kristo, kugira ngo tuzakoreshwe mw'Itorero rye rya nyuma, rizarusha ubwiza irya mbere, rikarangwa n'Ububyutse bw'akataraboneka, buzatangirira mu karere k'Ibiyaga Bigari by'Afurika, bugakwira isi yose.

## Intore za Yesu Kristo

Kuba twaratoranyijwe si uko turi abantu badasanzwe, ahubwo ni ubuntu butangaje twagiriwe. Bihuje n'Ijambo ry'Imana, aho Pawulo intumwa yandikiye Itorero ry'i Korinto, yumvisha abarigize ko Imana itoranya abo isi yita abaswa cyangwa abaciriritse, kugira ngo ikoze isoni abitwa ko ari abanyabwenge cyangwa imfura z'indobanure, bityo ntihagire uwakwirata imbere y'Imana, yibwira ko yatoranyijwe kubera ubumanzi ubu n'ubu yaba arusha abandi.

Byumvikane rero ko twebwe Abahishuwe bahishurirwa, ntawundi dukorera, uretse Umwana w'Imana nzima waducunguje amaraso ye atunganye, amaraso aboneza abamwizeye bose, bakamwakira nk'Umwami n'umukiza wabo.

Muri make, turi **Intore za Yesu Kristo** wadutoranyije, kandi ngo abo yatoranyije kera yarabahamagaye, abo yahamagaye, yarabatsindishirije, abo yatsindishirije yabahaye ubwiza ; haleluya ! Iryo ni ibanga dukesha Ijambo ry'Imana, mu rwandiko Pawulo yandikiye Abaroma 8:30 ; tukaba turyibitseho, twebwe Abahishuwe bagiye guhishurwa.

Iryo banga **ry'ubutore muri Yesu Kristo**, wasanze ko turi abo kwizerwa akatugabira umurimo, Abahishuwe turisangiye n'abandi Bene Data nabo bazakoreshwa mu Bubyutse, cyane cyane abari ku Bicaniro by'Uwiteka mu karere k'Ibiyaga Bigari. Tuboneyeho umwanya wo gusuhuza mw'izina rya Yesu Kristo, abo Bene Data basize byose, bakomeje gukorera Umwami w'Abami ari intangarugero mu kumvira n'ukwizera kutajegajega, bategereje amasezerano mu kwihangana gushoborwa na bake.

Reka twongere tubatureho umugisha, tuberekezaho aya magambo ya Yesu mu mugani w'Italanto : « Nuko nuko mugaragu mwiza kandi udahemuka, wabaye inyangamugayo mu bintu bike, nzagushinga ibisumbyeho ; ngwino wishimane na Shobuja » (Matayo 25 :23). Haleluya !

**2. Kuki twumva ko ibyananiye abanyapolitiki n'abandi bitwa ko baharanira impinduka mu bihugu byacu, twebwe tuzabishobora, ndetse tukanarenza ?**

Kuva dutangiye ibiganiro ku miyoborere mishya mu gihugu gishya, ndetse na mbere yaho mu butumwa bunyuranye Mamawamahanga yagiye atambutsa, hatsindagiwe ikintu cy'uko gahunda za politiki Yesu Kristo atarimo ntacyo zizageraho, kandi ko impinduka nzima zizazanira ibihugu byacu amahoro arambye, nta zindi uretse izizakorwa zishingiye ku mugambi w'Imana. Uwo mugambi Uwiteka afitiye ibihugu byacu, ujyanye n'umuhamagaro wabyo, uteganya ko abatuye akarere k'Ibiyaga Bigari bumva ururimi rw'Ikinyarwanda n'urw'Ikirundi, bazibumbira mu gihugu kimwe, igihugu cyagutse, kigizwe n'u Burundi, u Rwanda, Kongo y'i Burasirazuba n'utundi duce Imana yavuze ko tuzinjizwa muri icyo gihugu gishya. Kizaba igihugu cyubashywe mu buryo buzatungurana kandi bugatangaza benshi. Kurutaho, kizaba ari igihugu cyubaha Imana n'abahanuzi bayo, cyareguriwe Umwami w'Abami Yesu Kristo.

Aha twasubiramo ko gakondo dutegereje, ntaho ihuriye n'ibyiswe « empire hima-tutsi » bikomeje kuvugisha amagambo menshi abayaterana ku mbuga nkoranyambaga. Kandi koko ni ukuri, iyo « empire hima-tutsi » ntabwo izwi mu mugambi w'Imana ku karere k'Ibiyaga Bigari by'Afurika yo hagati.

## Ubuhamya bwa Nehemiya Ezra

Ku binyerekeye by'umwihariko, nk'Umunyapolitiki wabaye hafi imyaka 15 mu nzego z'ubuyobozi bw'igihugu cy'u Rwanda kugeza mu mwaka w'1996, nkamara n'imyaka irenga 10 muri opposition ikorera mu buhungiro hagati ya 2010 na 2021, mfatanyije urugamba na Nyakwigendera Faustin Twagiramungu wigeze kuba Ministiri w'Intebe w'u Rwanda, nkomeje gushimira Umwami wanjye Yesu Kristo ubuntu butangaje yangiriye. Koko rero, imwe mu mpamvu z'amashimwe yanjye, ni uko nahishurirwe ibanga rikomeye, reka nongere ndimene : ibyo nabayemo mbere y'uko ninjira mu Bahishuwe mu ntangiriro z'umwaka w'2022, cyane cyane ibikorwa bya politiki nibwiraga ko byagirira rubanda akamaro, mu by'ukuri nta musaruro byashoboraga gutanga, kuko byari bibuze fondation, byubakiye ku musenyi. Nkaba rero nshima Imana cyane, kuva mpishuriwe ko ibyo ndigufatanya na Bene Data duhuje umuhamagaro, ari byo by'umumaro, kuko byo, byubakiye kuri Yesu Kristo, we Rutare rutanyeganyezwa.

Ikindi cy'ingenzi kandi gitanga ikizere cy'uko urugamba rwacu ari rwo rwo, ni uko imirimo dukora twayeguriye Uwiteka, ikaba ijyanye n'imigambi ye, tukayishobozwa n'imbaraga z'Umwuka Wera duhabwa na Kristo, kandi iyo mirimo ikaba izasohozwa byanze bikunze, kuko nta muntu n'umwe, nta kintu na kimwe cyabangamira umugambi w'Imana.

Aha duterwa inkunga n'Ibyanditswe Byera, nko muri Yesaya 46 :10 (Bibiliya Ijambo ry'Imana) ; dore uko Uwiteka avuga :
*« Kuva mu ntangiriro navuze ibizaba, kuva kera kose navuze ibitarakorwa. Naravuze nti : Umugambi wanjye nzawusohoza, ibyo nshaka byose bizakorwa*. » Haleluya !

Zaburi ya 46 nayo yuzuyemo inkomezi ; umwanditsi ayisoza agira ati : *« Uwiteka Nyiringabo ari kumwe natwe, Imana ya Yakobo (Imana y'Abahishuwe), ni igihome kirekire kidukingira ».* Haleluya !

## Abanyapolitiki bataramenya ukuri nibikubite agashyi

Tugarutse gato ku mpamvu zituma abigaragaje mu mashyaka ya opposition na société civile, bitwa ko baharanira impinduka ntacyo bageraho gifatika, twakwibutsa ko abenshi muri bo bamunzwe n'umwuka w'ubwibone, bitewe ahanini n'uko Yesu Kristo atabarimo, ntabe no mu byabo, kandi hakenewe ko yabera ikitegererezo cyo guca bugufi, abo bose bamaranira gutegeka.

Ndetse iyo witegereje neza imikorere y'abagize opposition nyarwanda (wenda no muri opposition y'Abarundi ni ko bimeze), usanga abenshi muri bo ari abireba ku giti cyabo, bakibwira ko ari ibitangaza, aka wa mugani ngo nta nkumi yigaya. Bityo guhuza umugambi no gushyira hamwe bikananirana, akenshi bitewe n'uko buri wese mu nguni ye aba acungana n'ukuntu ari we wajya hejuru y'abandi, kugira ngo igihe cyo kugabana ubutegetsi nikigera, azabe ariwe wegukana umwanya w'imbere, ari byo kera mu ngabo z'Umwami w'u Rwanda, byitwaga gutanguranwa umushi.

Abakirangwa n'iyo myuka y'ubwibone, bakeneye kumenya ukuri kw'Ijambo ribatura, nk'iryo Yesu yabwiye abigishwa be abahugura, ubwo bari mu mpaka zo kumenya umukuru muri bo ; yagize ati :
«*ushaka kuba mukuru muri mwe ajye aba umugaragu wanyu, kandi ushaka kuba uw'imbere muri mwe, ajye aba imbata yanyu* » (**Matayo 20 :26-28**)

Abo banyapolitiki bataramenya ukuri, nabagira inama yo kureka ibyo bari gutamo igihe, bakakira Yesu Kristo ngo ababere Umwami n'Umukiza, bityo Umwuka Wera akabayobora mu migambi bumva ko bafitiye igihugu. Aya magambo yo mu gitabo cy'**Imigani**, yabafasha gufata icyemezo gikwiriye.

**Imigani 3 :5-6 : «** *Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, We kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose, Na we azajya akuyobora inzira unyuramo* ».
**Imigani 16 :3** : « *Imirimo yawe yose uyiharire Uwiteka, Ni ho imigambi yawe izatungana ».*

Ikindi cyafasha abo banyapolitiki bataramenya urugamba rw'umumaro urwo arirwo, ni ukumva ubutumwa Mamawamahanga atambutsa kuri YouTube, kandi bakabwitaho, cyane cyane ibi biganiro bibiri ngiye kwibutsa : Hari icyahise tariki ya 03.10.2021, Umukozi w'Imana asobanura ukuntu mu mashyaka ya politiki amenyerewe, nta na rimwe rizashobora kuzanira Abanyarwanda n'Abarundi impinduka bategereje.

Hari n'ubutumwa yatanze tariki ya 27.10.2023, bugenewe Abanyapolitiki barwanira kuyobora u Rwanda, bubumvisha ko ntacyo bazageraho, igihe cyose batisunze Umukiza ukomeye, Yesu Kristo Umwana w'Imana nzima, We Nzira, Ukuri n'Ubugingo ; Mamawamahanga yatsindagiye kandi igitekerezo cy'uko muri iki gihe cyakuwe mu bihe, nta rindi shyaka ryagira umumaro, uretse ishyaka rya Kristo ku Ngoma. Iryo shyaka ry'umurimo w'Imana, ni ryo ryonyine rizaganza mu gihugu gishya, nk'uko twabisobanuye mu kiganiro ku miyoborere cyahise tariki ya 27.11.2023, mu nsanganyamatsiko igira iti : *Amashyaka azavaho, hasigare ishyaka*.

### 3. Tuzinjizwa muri gakondo nta ntambara turwanye?

Mu by'ukuri, urugamba rurahari, uretse ko ruri kubera mu Mwuka, kugeza ubwo ruzagaragarira amaso igihe kigeze, kandi si kera. Ni ikimenyimenyi, guhera tariki ya 15.06.2024, Umuja wa Yesu Kristo Mamawamahanga, ayobora buri cyumweru kuri YouTube, amasengesho yo gutabara Uwiteka no gutabarana na we, ari nayo ari guca inzira iganisha muri gakondo.

Abakurikira ayo masengesho y'intambara, bumvise uruhare rw'abagore b'intwari, ndetse b'intwarane, bavugwa muri Bibiliya, bagombye kubera ikitegererezo ab'ubu. Nk'uko Umukozi w'Imana yabisobanuye, mu bagore b'iki gihe bakereye urugamba, hagomba kubonekamo ba Debora, ba Yayeli, ba Esther, ba Rusi, ba Maria Madalena, ba Abigayile, ba Tabita n'abandi bose biyumvamo ishyaka ryo gucungura urubyaro rwabo n'imiryango yabo. Abagabo nabo baracyenewe muri urwo rugamba, cyane cyane ba Barak, ba Mordekayi, ba Kalebu, ba Yosuwa, ba Gidiyoni, ba Dawidi, n'abandi bahishuriwe ko umugabo wisobanukiwe yitaba karame/ndahari, iyo Uwiteka amubajije ati: uri he?

## Intambara y'Umwuka niyo ibanza!

Icyo benshi batumva cyangwa badasobanukirwa, cyane cyane abibwira ko urugamba ari urw'amasasu gusa, ni uko kwizera Imana ari imwe mu ntwaro zikomeye zidushoboza intambara z'Umwuka. Reka twibutse uko iyo ntwaro isobanurwa mu rwandiko rw'**Abaheburayo 11 :1** ; muri Bibiliya, version Ijambo ry'Imana, niho birushijeho kumvikana :

« *Kwizera Imana, ni ukwemera ko umaze guhabwa ibyo wiringiye kuzabona, kandi ni ukumenya udashidikanya, ko ibyo utareba biriho* »

Kumenya udashidikanya ko ibyo utabonesha amaso biriho, aha hantu tuhace akarongo, kuko harimo ibanga rikomeye, ariko ni naho benshi batsindirwa.

Twatanze urugero ku bantu babuze ukwizera, baba bashaka ibimenyetso bifatika by'ibishya tubabwira ko bigiye kuba mu karere k'Ibiyaga Bigari, ntibamenye ko ibintu byose biboneshwa amaso, bibanza kuremwa mw'isi y'Umwuka, aho biba bitaboneka. Abo ni nabo baba badukwena ngo turikirigita tugaseka, cyangwa se ngo ibyo tuvuga ni ibyifuzo byacu. Mu by'ukuri, abakoresha bene izo mvugo zipfobya umugambi w'Uwiteka, babiterwa ahanini no kutamenya imbaraga z'Ijambo ry'Imana, n'iby'ubutwari ikoresha abo yatoranyije bayizera.

Abo batari bahishurirwa imbaraga z'amasengesho n'izo kwizera, twagiye tubaha ingero zo muri Bibiliya, aho abarwanyi batsindaga intambara iboneshwa amaso, babanje kuyitsinda mu Mwuka. Aha twakwibutsa ibanga ryashoboje Dawidi kunesha igihanganye Goliyati ; iyo nkuru muzayisome muri 1 Samweli, igice cya 17 cyose. Icyo twifuza gutsindagira ni uko Dawidi yishe Goliyati mu buryo bugaragarira amaso, yabanje kumuhemura mu Mwuka, nk'uko bigaragazwa n'aya magambo yamubwiye :

« *Wanteranye inkota n'icumu n'agacumu, ariko jyewe nguteye mu izina ry'Uwiteka Nyiringabo, Imana y'ingabo za Isirayeli wasuzuguye.* »

## Uwizera yegukana intsinzi !

Mu by'ukuri, kubera ukwizera kutajegajega Dawidi yari afite, si we warwanaga, ahubwo ni Uwiteka wirwaniraga amukoresheje. Atari ibyo, ntabwo umusore w'ingimbi nka Dawidi, utazwi mu ngabo z'Umwami, ugaragaye ubwa mbere ku rugamba, yari kwivugana igihanda cy'igikurankota nka Goliyati, wari waratitije ingabo za Isirayeli, hakabura n'umwe utinyuka kumuhinguka imbere.

Dawidi n'abandi barwanyi bo mu Mwuka bakomeje kutubera ikitegererezo, mu rugamba rwo kutwinjiza muri gakondo, aho dutabara Uwiteka, tugatabarana na we.

Ibanga ry'ubutsinzi bwacu ntirikiri ibanga, reka twongere turimene, twerura ko intambara zigaragarira amaso zibanzirizwa n'izitaboneka, kandi ko izo zibera mu Mwuka ari zo zikomeye, kuko iyo wazitsinze, izisigaye ziba ari nko kurangiza umuhango.

### 4. Ko igihugu gishya kizayoborwa n'Umwami ahari hamenyerewe Repubulika, ibyo ntibyaba bihungabanya abibwira ko Ubwami bugarutse gusubiza rubanda mu bucakara?

Twasobanuye mu buryo burambuye impamvu mu gihugu gishya, Repubulika izabererekera Ubwami. Dushingiye ku mateka y'Umwami Sawuli n'ay'Umwami Dawidi nk'uko yanditse muri Bibiliya mu Gitabo cya mbere cya Samweli, cyane cyane mu gice cya 8, icya 10 n'icya 31, twatsindagiye ihame ry'uko Imana itishimira ubutegetsi bwitwa ko butanzwe n'abaturage, ko ahubwo Ubwami ari bwo Buyobozi bwonyine Imana yemera, cyane cyane iyo ari ubwo yishyiriyeho ubwayo.

Indi mpamvu nayo twakomojeho y'uko nta repubulika itegerejwe mu gihugu gishya, ni uko Yesu Kristo ari Umwami w'Abami. Ni ukuvuga ko igihugu gihamagariwe kumwubaha no kumwubahisha, kigomba kuba kiyobowe n'Ubwami bugengwa na we, kikorohereza Itorero rya Yesu Kristo umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza. Mu by'ukuri, igihugu gishya kizaba kigiriyeho kugira ngo umurimo w'Imana ukorwe nta nkomyi, mu Bubyutse bw'akatarabonek a buzatangirira mu karere k'Ibiyaga Bigari by'Afurika, bugakomereza mu mpande zose z'isi.

## Si ubwami bucakaraza bugarutse; haje ubwami butarabaho!

Reka twongere duhumurize abagifite igikomere cy'amateka ku Bwami bwa gihake bwakandamizaga rubanda, nk'ubwasezerewe mu Rwanda mu mwaka



Ku bindi bisobanuro : WhatsApp Group: https://chat.whatsapp.com/ImcsATjEj3wC5WP6zfXui4 - E-Mail: info@abahishuwe.org - Website: www.abahishuwe.org

w'1961. Ubwami bugiye kwimikwa mu gihugu gishya ntaho buhuriye n'ubuzwi kugeza aya magingo. Buzaba ari Ubwami bushyizweho n'Uwiteka ubwe, bugendera ku miyoborere nk'iyo Yesu Kristo yagaragaje ubwo yari mw'isi, nk'uko twayisobanuye mu kiganiro cyo kuwa 21.05.2024, mu nsanganyamatsiko igira iti : ***Imiyoborere mishya mu gihugu gishya ; Ubuyobozi bwubaha Imana buraje*.**

Muri make, imiyoborere ya Yesu Kristo twayihiniye muri izi ngingo : Yesu, intare yo mu muryango wa Yuda ; Yesu, Umuyobozi wubaha Imana ; Yesu, Umuyobozi ufite iyerekwa n'icyerekezo ; Yesu, Umuyobozi wita ku bantu, akabitangira ; Yesu, Umuyobozi wicisha bugufi.

Iyo ngingo yo kwicisha bugufi twayitinzeho, tuvuga ku miyoborere ya Yesu yitwa mu ndimi z'amahanga leadership serviteur (servant leadership), ari nayo izimakazwa mu gihugu gishya.

Ubwami bw'icyo gihugu buzaba ari Ubwami bwubaha Imana n'abahanuzi, bwitwa théocratie mu rurimi rw'igifaransa. Itorero ni ryo rizaba ritangaza ubushake bw'Imana, rikanatanga umurongo ngenderwaho, ugomba kubahirizwa mu miyoborere y'igihugu no mu mibereho y'abagituye.

Umwami w'igihugu nta shebuja wundi azaba yumvira, uretse Umwami w'Abami Yesu Kristo. Umwuka w'Imana azaba ari kumwe nawe, ku buryo n'ibihugu by'ibihangange kw'isi bitazabona aho bimuturuka, biramutse bishatse kumukoresha mu nyungu zabyo bwite.

## Ubwami bushya butaniye he n'ubwa Rudahigwa?

Hari uwabaza ati: igishya ni ikihe, ko u Rwanda rwatuwe Kristo Umwami mu mwaka w'1946, bikozwe n'Umwami Mutara III Rudahigwa, ntibibuze ko rwagiye ruzahazwa n'amahano anyuranye, na n'ubu rugeretse?

Ni byo koko, icyo gikorwa cy'umwami Rudahigwa cyabaye igihango gikomeye hagati y'Abanyarwanda n'Ijuru, ariko ntabwo kitaweho n'abayoboye u Rwanda mu myaka irenga 60 ishize igihugu kitwa ko kibonye ubwigenge. Abasimburanye ku ntebe y'ubutware bw'u Rwanda bibagiwe cyangwa birengagiza ko igihugu ari umwihariko wa Yesu Kristo, ko abagituye n'abakiyobora batagomba gukora ibyo bishakiye, cyane cyane ibigomera Imana. Ndetse igiteye inkeke ni uko bamwe mu ba Prezida b'u Rwanda bagiye bishyira hejuru, bakimika Ibigirwamana, cyangwa bagasuzugura Uwiteka mu buryo bukabije, bwamutera gufuhira icyubahiro cye.

Gusuzugura Imana byarenze igipimo ku ngoma ya FPR-Inkotanyi yimitswe mu Rwanda mu kwezi kwa 7 k'umwaka w'1994, na n'ubu ikaba ikomeje kuyogoza igihugu, igitwaza igitugu, ubwicanyi, iyicarubozo, ikinyoma, ivanguramoko, ubujura n'andi mahano n'amabi tutarondora. Urugero rw'agasuzuguro k'indengakamere dukunze gutanga, ni amagambo y'agahomamunwa tutahwemye kwamagana, yavuye mu kanwa k'uwitwa Bizimana Jean-Damascène. Mu by'ukuri, uwo mugabo afite ibyo ahisha mu mateka y'ubuzima bwe, bimuhatira guhakwa kuri FPR nk'uwahanzweho, kugeza aho akora Uwiteka mu jisho; kanda iyi **link** wiyumvire nawe ubwo bukunguzi! (Audio Dr. Jean Damascène Bizimana)

Abo bose batubaha izina ry'Uwiteka, bafitanye urubanza na we ; hari ingingo nyinshi zibagonga, nk'iri jambo riboneka muri Malakiya 1 :6 : « *Umwana yubaha se, n'umugaragu akubaha shebuja, none niba ndi so mwanyubashye mute? Cyangwa se niba ndi shobuja, igitinyiro cyanjye kiri he*? »

## FPR-Inkotanyi yanze umuti wakiza u Rwanda

Uko gusuzugura Imana gukabije, ni ko kwagiye gukururira igihugu imivumo na n'ubu ikigikurikiranye. Kandi Satani umwanzi w'ibyiza aba arekereje, acunga imiryango yakwinjiriramo ngo arebe ko yaburizamo umuhamagaro w'u Rwanda, agashora Abanyarwanda mu bwicanyi, mu bigirwamana, mu busambanyi, mu bujura, mu binyoma, n'ibindi byangwa n'Uwiteka.

Uko imyaka igenda ihita indi igataha, ibyaha birushaho gusabika u Rwanda, ku buryo abakozi b'Imana banyuranye bakomeje guteza ubwega ko igihugu kirwaye, hakaba ndetse n'abatanga umuti wagikiza, uretse ko Abarwayi

bakuru batawukozwa, n'Abanyamadini ugasanga babitinya cyangwa batabyitayeho.

Umukozi w'Imana uyoboye Abahishuwe, Mwene Data Marie Esther Murebwayire, ntako atagize akiri mu Rwanda, yumvikanisha inzira zakiza igihugu, zishingiye ahanini ku kwihana kw'Abanyagihugu, uhereye ku Nzego nkuru z'ubuyobozi, nk'uko byagenze i Ninive, aho Umwami n'ibyegera bye bafashe iyambere mu kwambara amagunira, bagatakambira Imana, ikareka kurimbura umugi wabo n'abawutuye (Yona 3 :6-10).

Kuba yarakomeje gutsindagira ko Imana irakariye abicanyi badasaba imbabazi n'abiciwe batababarira, kandi ko hari ibigomba gukorwa n'abayobozi kugira ngo Imana ibabarire u Rwanda n'Abanyarwanda burundu, Marie Esther byamuviriyemo guhigwa bukware n'inzego z'umutekano, biba ngombwa ko ahunga u Rwanda mu mwaka w'2010, kandi yari arufitiye umuti wo kurukiza.

## Repubulika si kamara!

Tugarutse ku bya Repubulika n'Ubwami, turifuza kumvikanisha ko ubutegetsi bwa Repubulika butari shyashya cyangwa kamara nk'uko bamwe bibwira. Dufashe u Rwanda ho urugero, tugasubiza amaso inyuma duha amanota za Repubulika uko zasimburanye, ari ingoma ya Kayibanda, ari iya Habyarimana, ari n'iya Kagame iri mu marembera, nta n'imwe yatsinda ikizamini cy'imibanire cyangwa imbonezamubano, kuko ntayashoboye kubanisha Abanyagihugu mu mutuzo. Hamye habaho amakimbiranen'ubwicanyi, bishingiye cyane cyane ku moko Hutu/Tutsi no ku nkomoko, buri Repubulika ikagira abayihunga, ku buryo kugeza kuri uyu munsi, ikibazo cy'impunzi z'Abanyarwanda kitarakemuka.

Ku ngoma ya FPR ho hiyongereyeho ivangura rishyira ku ruhande rumwe, abahutu n'abatutsi bari basanzwe mu Rwanda, ku rundi ruhande hakajya abatutsi bavuye hanze, abo nabo ngo bakabamo ibice by'abaturutse Uganda, Burundi, Congo n'ahandi.

Ibyo ari byo byose, itandukaniro hagati y'ubutegetsi bwa Repubulika bwari bumenyerewe, n'Ubuyobozi bw'Ubwami bugiye kwimikwa mu gihugu kidutegereje, ntirizatinda kugaragara. Mu gihugu gishya, imibanire nayo izaba ari mishya, abantu babana mu mahoro no mu mudendezo, nta kwishishanya na guke, kuko ibikurura amakimbirane bizaba byararanduwe, bitagihari.

Aha twakwibutsa ko umuntu wese uzatura muri icyo gihugu gishya, ari uzaba yarakiriye Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza we, yaritandukanyije n'imyaku n'imivumo yose kuri we, ku muryango we no ku gihugu, kandi yera imbuto z'Umwuka Wera, zirimo urukundo n'ibyishimo n'amahoro, no kwihangana no kugira neza, n'ingeso nziza no gukiranuka.

### 5. Amahanga azemera igihugu gishya, kandi kizaba kivutse mu buryo bunyuranyije n'amategeko mpuzamahanga?

Nk'uko twakunze kubisobanura, igihugu gishya kizabaho hashingiwe ku muhamagaro w'Akarere k'Ibiyaga Bigari by'Afurika yo hagati, kigendere ku mategeko yubahiriza mbere na mbere ubushake bw'Imana. Twabivuzeho birambuye ; reka nibutse gusa ko Imana ishaka ko Abanyarwanda, Abarundi, Abanyekongo n'abandi baturage b'akarere bumva ururimi rw'ikinyarwanda n'urw'ikirundi, baba ishyanga rimwe, ribereyeho kubaha no kubahisha Umwami w'Abami Yesu Kristo, uzaba mu by'ukuri ari we Nyirigihugu, kuko kizaba cyaramweguriwe kigishingwa.

Abavuga ko icyo gihugu kitazemerwa n'amahanga, kimwe mu byo bashingiraho ni uko amasezerano mpuzamahanga ateganya ko imipaka y'ibihugu by'Afurika idakuka, ko igomba kuguma uko Abazungu b'Abakoloni bayisize (mu gifaransa byitwa *intangibilité des frontières héritées de la colonisation*).

Twebwe icyo dukomeyeho, ni uko amategeko yose anyuranye n'ubushake bw'Imana nta gaciro azahabwa mu gihugu gishya. Birazwi kandi ko ubwo Abakoloni bigabanyaga ubutaka bw'Afurika mu nama bakoreye mu Budage mu mwaka w'1885, batitaye ku miturire ya ba kavukire, hakaba ubwo abantu



Ku bindi bisobanuro : WhatsApp Group: https://chat.whatsapp.com/ImcsATjEj3wC5WP6zfXui4 - E-Mail: info@abahishuwe.org - Website: www.abahishuwe.org

bakomoka mu muryango umwe cyangwa abafitanye ayandi masano, batatanyirizwa mu bihugu bituranye. Uko ni ko byagenze ku Banyarwanda n'Abarundi bisanze mu bindi bihugu nka Congo na Tanzania, none ubu igihe kikaba kigeze cyo kongera kubana mu gihugu kimwe ku bavuga ururimi rumwe, nk'uko byari bimeze mbere y'umwaduko w'Abakoloni.

Abakurikirira hafi iby'intambara z'urudaca zikomeje kuyogoza akarere k'Ibiyaga Bigari, bemeza ko zifite aho zihuriye n'uko hari abantu baba batuye mu gihugu iki n'iki, ariko bifuzaga kuba abaturage b'ikindi gihugu. Urugero rukunze gutangwa ni urw'Abanyekongo bumva ururimi rw'Ikinyarwanda, bakunze kwiyita Abatutsi b'Abanyekongo (Tutsi congolais), bagiye bashinga imitwe ya gisilikare nk'uwa M23 uvugwa cyane muri ibi bihe, bagamije kwitandukanya n'Ubutegetsi bw'i Kinshasa, ngo bashyireho igihugu bigengaho, babifashijwemo na Leta ya FPR-Inkotanyi, uretse ko Inkotanyi zo zibifitemo izindi nyungu, zijyanye ahanini n'ubujura bw'amabuye y'agaciro y'igihugu cya Kongo. Mu by'ukuri, abo baturage bo mu Burasirazuba bwa Kongo, babimenya batabimenya, bazagira amahoro arambye ari uko umuhamagaro wabo wasohoye, ni ukuvuga igihe bazaba bihuje n'Abanyarwanda n'Abarundi, n'abandi baturanyi bo mu karere bafite inkomoko mu Rwanda no mu Burundi, kugira ngo abo bose bareme igihugu kimwe, Uwiteka ashaka ko kimuhesha icyubahiro, kikabera ikitegererezo isi yose.

## Inzika y'inzigo hagati y'amoko Hutu/Tutsi

Undi mutwe w'abarwanyi ukunze gushyirwa mu majwi muri izo ntambara zabaye akarande mu Burasirazuba bwa Kongo, ni uwa FDLR, wabyawe n'abahoze ari Ingabo z'u Rwanda (ex-FAR), bahungiye mu mwaka w'1994 muri Kongo yitwaga icyo gihe Zayire, bamaze gutsindwa n'ingabo za FPR-Inkotanyi zahise zifata ubutegetsi bw'u Rwanda, na n'ubu zikaba zikibufite. Abo ba FDLR ni abahutu bagambiriye kwisubiza ubutegetsi Benewabo batakaje, burangiranye n'ingoma ya Habyarimana. Bityo bakaba bihoreye ku batutsi bahoze ari impunzi, basubiranye ubutegetsi muri 1994, nabo bihimuye ku bahutu batumye ababyeyi babo bahunga igihugu hagati y'1959 na 61, ubwo ingoma ya cyami gihake yari isezerewe mu Rwanda.

Iyo ngengabitekerezo yo *kubirindurana ku butegetsi bamwe bishe abandi cyangwa babamenesheje*, yokamye abanyarwanda bo mu moko Hutu/Tutsi, bafitanye amateka yo kumenana amaraso. Umukozi w'Imana utuyoboye yabisesenguye mu **gitabo** cye twabwiye, mu byo yita inzika y'inzigo iri hagati y'ayo moko yombi. Ibyo nabyo biri mu bizarandurwa mu gihugu gishya; turabigarukaho mu gice cya kabiri cy'ubu butumwa.

Tugarutse ku kibazo cy'uko amahanga ashobora kuzishisha imiyoborere y'igihugu gishya, ikindi ngo gishobora kuzakomeretsa umuryango mpuzamahanga, ni uko demokarasi n'ibijyana nayo nk'amashyaka ya politiki, amatora n'ubwiganze bw'amajwi, nta mwanya bizaba bigifite mu gihugu gishya, kubera ko binyuranye n'ubushake bw'Imana. Aha twakunze gusobanura, tubishingira ku Byanditswe byera, ukuntu Imana idakorera ku bwinshi, duhereye ku rugero rw'Umucamanza Gidiyoni, Imana yategetse gukomezanya n'abarwanyi 300 gusa, batageze no kuri 1% ry'abari bahamagariwe urugamba, Bibiliya itubwira ko bari 32'000.

Muzasome iyo nkuru mu gitabo cy'Abacamanza, mu gice cya 7, musobanukirwe n'uko Uwiteka ubwe ari we wagabanyije izo ngabo, yanga ko zakwigamba ko zegukanye intsinzi kubera ubwinshi bwazo.

Iryo hame ry'uko Nyamwinshi idakora imbere y'Imana, ubwaryo rirahagije kugira ngo twumve ko igihe cy'amashyaka n'amatora cyarangiye, uretse ko mu by'ukuri, n'amatora ari nk'aho yahindutse ikinamico, dufatiye urugero ku biherutse kubera mu Rwanda. Mu bakandida bahataniraga umwanya wa Prezida wa Repubulika, abatavuga rumwe n'ubutegetsi buriho bangiwe kwiyamamaza, birangira hatangajwe ko umukandida wa FPR-Inkotanyi yegukanye amajwi hafi 100%! Umuntu akaba yakwibaza ati: mu by'ukuri, uwatowe ni nde, yatowe na nde?

## Igihugu gishya kizifuzwa n'amahanga!

Tugarutse kuri za mpungenge za bamwe, z'uko ngo amahanga azamagana igihugu gishya Uwiteka agiye kuduhaho gakondo mu karere k'Ibiyaga Bigari, twavuga ko ahubwo abantu bazatungurwa n'uko bidatinze, hirya no hino kw'isi, icyo gihugu kizaba gikunzwe cyane kandi kifuzwa na benshi.

Impamvu ni uko kizaba ari igihugu cy'umugisha, ikintu cyose cyazana umuvumo cyararanduranywe n'imizi, ubukungu bwacyo bwifashe neza mu ngeri zose mu buryo butangaje, kandi abagituye babana mu mahoro no mu mudendezo, nta kwishishanya na guke. Nk'uko twakunze kubitsindagira, umuntu wese uzaba muri icyo gihugu gishya, agomba kuba yarakiriye agakiza kabonerwa muri Yesu Kristo, akabaho akiranuka, atari bya bindi byo mu madini abantu bitwa ko bakijijwe, ariko nta kwera imbuto z'Umwuka Wera, ndetse bamwe bakigumira mu byaha.

Ikindi kandi, abanyagihugu bazabaho mu Bubyutse bw'akataraboneka bwubahisha Umwami w'Abami Yesu Kristo. Ni ukuvuga ko umuntu wese uzagomera Imana anyuranya n'ubushake bwayo, azaba ahindutse akana ka Satani, akabihanirwa ku rugero rushobora kugera ah'Ananiya na Safila. Abo ni umugabo n'umugore we bo mu bakristo b'Itorero rya mbere, bapfuye amanzaganya bazira amanyanga bari bakoreye Bene Se, Umwuka Wera akabavumbura (inkuru irambuye mwayisoma mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa, mu gice cya 5).

Kubera izo mpamvu zose, twemeza ko igihugu gishya Uwiteka yatugeneye, kizifuzwa cyane n'abanyamahanga, ndetse kikabera ubuhungiro abatotezwa bazira Yesu Kristo, cyangwa abifuza kurerera abana babo ahantu hazima, kure y'imyuka mibi y'Ubutegetsi bukorera Satani, ikomeje kwibasira ibihugu byitwa ko byateye imbere mu bukungu, cyane cyane ibyo mu Burengerazuba bw'isi, nk'Ubulayi n'Amerika.

## IGICE CYA KABIRI

Igice cya kabiri cy'ubu butumwa kiribanda ku bishya bizaranga igihugu gishya, twerekana n'ibizaba bitagihuje n'igihe, bikavanwa mu nzira.

## Gusenya tukubaka, kurandura tugatera

Turagendera ku magambo yo muri Yeremiya 1 :10, tuyifashishe ubugira gatatu: muri Bibiliya Yera, Bibiliya Ntagatifu na Bibiliya Ijambo ry'Imana:

*Dore ngushyiriye hejuru y'amahanga n'ibihugu by'abami, kurandura no gusenya, kurimbura no kūbika, kubaka no gutera imbuto. (YERA)*

*Umenye ko uyu munsi nguhaye ububasha ku mahanga no ku bihugu byose, kugira ngo urandure kandi uhirike, utsembe kandi usenye, kugira ngo wubake kandi utere imbuto. (NTAGATIFU)*

*Uhereye ubu ngushinze kuvugira amahanga yose n'ibihugu byose kugira ngo urandure, uhirike, utsembe kandi usenye. Nyamara ni wowe uzasana ibyasenyutse, ni nawe uzubaka ibyarimbuwe. (IJAMBO RY'IMANA)*

Ayo magambo ni yo twashingiyeho insanganyamatsiko igira iti : *Imiyoborere mishya mu gihugu gishya : **Gusenya tukubaka, kurandura tugatera, biri mu mugambi w'Uwiteka !***

Twakunze kumvikanisha ko ibishya tuzabamo mu gihugu cy'isezerano, bizaba ari ibyo amaso atigeze abona, ibyo amatwi atigeze yumva. Bishatse kuvuga ko bizaba ari akataraboneka, bitandukanye cyane n'ibyo abantu basanzwe bamenyereye.

Tuvuga kandi ko ijambo impinduka ritumvikanisha mu buryo nyabwo ubukana bw'ibizaba bibaye. Kandi wa mugani, ku ruhande rw'ibizaba bikuweho, dushingiye ku byo dusomye muri Yeremiya 1 :10, ubanza nta jambo ryaboneka, ribumbira hamwe inshinga enye, arizo: kurandura, guhirika, gusenya no gutsemba. Naho ku ruhande rw'ibizasimbura ibivuyeho, dukunze gukoresha ijambo ibishya, twajyanisha n'ibizubakwa n'ibizaterwa, na none twerekeza kuri ririya jambo ryo muri Yeremiya 1 :10.

Twifuje kubirambura mu bika bine, tuvuga ku bizavaho no ku bizajyaho mu mikorere y'Itorero, mu miyoborere y'igihugu, mu micungire y'ubukungu, no mu mibereho n'imibanire y'abaturage.

## 1. Ku byerekeye Itorero

Mu gihugu gishya, hazaba haganje Itorero rimwe, Itorero rya Yesu Kristo w'i Nazareti. Hari uwabaza ngo iryo Torero ni irihe, dore ko iyo havuzwe Itorero, abantu benshi biyumvira amadini babarizwamo, kandi atari byo; ugasanga bibaye nka bya bindi ngo nsengera kwa Gitwaza, kwa Masasu, kwa Mignonne, muri ADEPR n'ahandi; izo zari ingero.

Mu butumwa bwa Mamawamahanga n'abo bari kumwe muri Ministeri y'Abahishuwe, herekanywe inshuro nyinshi itandukaniro hagati y'Itorero n'idini ; ukeneye ibisobanuro birambuye, azumve ikiganiro cya vuba kuri iyo topic ; ni icyahise kuri YouTube tariki ya 12.04.2024, kuri iyi Channel y'**UBUBYUTSE MURI AFURIKA HAGATI**, gifite Umutwe uvuga ngo « *Umugore wisobanukiwe mw'Itorero rya Yesu Kristo rya nyuma mu gihugu gishya* ». Muri icyo kiganiro cyatanzwe na Bene Data Esther F Tabita TT01 na Rusi B Ezra Umwanditsi, hasobanuwe amabi y'idini, uburyo rikorera Satani, rikiyoberanya rivuga Data wa Twese, Yesu Kristo n'Umwuka Wera ariwe Roho Mutagatifu, rikayobya benshi, ribaganisha mw'irimbukiro.

Bigomba gusobanuka ko amadini yabaye menshi, ariko ko Itorero rya Yesu Kristo, ryo ari rimwe rukumbi. Igihe kirageze ngo abarigize bahishurwe mu mahanga yose no mu moko yose, bajye ahagaragara, bakwirakwize mu migabane yose y'isi ubutumwa bwiza bw'Ubwami bwa Yesu Kristo, buteguriza kugaruka kwe.

Mu gihugu gishya, kugira ngo Itorero rya Yesu Kristo risohoze inshingano zaryo mu bwisanzure, birasaba ko ikintu cyose cyarivangira kivanwa mu nzira.

Mu **bizasenywa n'ibizaranduranwa n'imizi,** twavuga ibi bikurikira:

(1) Amadini azahagarikwa, hamwe n'imiryango iyashamikiyeho. Hazagenwa uburyo imiryango imwe n'imwe yakomeza ibikorwa bifitiye rubanda akamaro, nko mu burezi no mu buvuzi, ariko yabanje kwitandukanya n'idini n'ibyayo byose, kandi yasinyiye kuzubahiriza amabwiriza y'Itorero n'ay'Ubuyobozi bushya bw'Igihugu;

(2) Ibishushanyo bisengwa bizamenagurwa, aho bizaba biri hose, kimwe n'uko n'utundi tumana abantu biremeye tuzajugunywa;

(3) Ibicaniro by'abapfumu n'abarozi bizatwikwa mu Mwuka no mu buryo buboneka, ba nyirabyo basabwe kwihana ku mugaragaro;

(4) Ibindi bizacibwa burundu, ni imihango ya gipagani nko kuraguza, guterekera, kubandwa n'ibindi byose bikorana n'ubwami bw'umwijima, bigakurura imivumo y'uruhererekane mu bisekuru by'imiryango.

Naho mu **bishya by'akataraboneka bizaranga Itorero,** harimo ibi bikurikira:

(5) Itorero rizakorera mu Bubyutse butari bwabaho mu mateka y'isi, mu bimenyetso n'imbaraga bitigeze bibaho, ubwiza bw'Imana butwikiriye igihugu gishya, Yesu Kristo ahabwe icyubahiro mu buryo buzatangaza amahanga yose;

(6) Ubuhanuzi bwo muri Yesaya 19 :19 buzasohozwa ; dore uko buteye : Uwo munsi hazaba igicaniro cyubakiwe Uwiteka, mu gihugu cya Egiputa hagati, kandi ku rugabano rwacyo bazashingira Uwiteka inkingi. Haleluya!
Ni ukuvuga ko hagati mu gihugu gishya, hazashyirwa ikicaro cy'Abinginzi n'Abaramyi basimburana ubudahagarara, bahimbaza Uwiteka amasaha 24 kuri 24, iminsi 7 kuri 7;

(7) Icyo gicaniro gikuru kizagaba amashami mu duce twose tw'igihugu, mu ntara (provinces), mu ma Komini, kugeza ku rwego ruto rushoboka, hakurikijwe uko igihugu kizaba cyaciwemo imirwi y'Ubuyobozi;

(8) Ahakorerwa imirimo hose, naho hazajya hashyirwa ibicaniro by'amasengesho, hakurikijwe gahunda Itorero ryumvikanyeho n'Ubuyobozi bw'Igihugu. Ibyo bizahesha igihugu umugisha mu buryo buhambaye, kubera ko ibizaba bikorwa byose mu rwego rw'ibifatika, bizaba bitewe inkunga n'iby'Umwuka;



Ku bindi bisobanuro : WhatsApp Group: https://chat.whatsapp.com/ImcsATjEj3wC5WP6zfXui4 - E-Mail: info@abahishuwe.org - Website: www.abahishuwe.org

(9) Itorero rizajya ritangaza ubushake bw'Imana, rinatange umurongo ngenderwaho, kugira ngo ubushake bw'Imana bwubahirizwe uko bwakabaye mu miyoborere n'imicungire y'igihugu;

(10) Mu nshingano zaryo zo guteguriza kugaruka kwa Yesu Kristo, Itorero rizageza ubutumwa bwiza mu mpande zose z'isi, ryifashishije ikoranabuhanga mw'itumanaho, n'abajyanabutumwa (missionnaires) bazakwirakwizwa mu bihugu binyuranye;

(11) Abitwa abakozi b'Imana bazaba barokotse, bazahabwa amahugurwa mu bijyanye n'imihamagaro yabo, bamenye icyo gukora bamaze gusobanukirwa neza imiterere n'imikorere y'Itorero rya Yesu Kristo rya nyuma, ridafite aho rihuriye n'idini.

Nyuma y'ibyo bizakurwaho n'ibizashyirwaho mu rwego rw'imikorere y'Itorero rya Yesu Kristo, tugeze ku gika cya 2, aho tuvuga ku bizasenywa n'ibizubakwa mu miyoborere y'igihugu.

## 2. Ku byerekeye Ubuyobozi bw'Igihugu

Mu rwego rw'imiyoborere y'igihugu, **ibizasezererwa n'ibishya bizimakazwa**, byavuzweho ku buryo burambuye; reka tubyibutse muri make, mu ngingo zikurikira:

(1) Igihugu gishya kizaba ari igihugu cyagutse, imbibi zacyo zikurikije Umugambi w'Uwiteka, washatse ko abatuye akarere k'Ibiyaga Bigari by'Afurika bumva ikinyarwanda n'ikirundi barema ishyanga rimwe ryo kumuhesha icyubahiro;

(2) Igihugu kikimara gushingwa, kizasengerwa, cyezwe, cyegurirwe Umwami w'Abami Yesu Kristo;

(3) Imiyoborere y'igihugu, ibigikorerwamo byose ndetse n'imibereho muri icyo gihugu, bizashingira kw'ihame ry'uko abagituye bemera ko hariho Imana imwe nzima, Imana rurema; bakemera Umukiza umwe, Yesu Kristo, we Nzira, Ukuri n'ubugingo; bakemera kandi Umwuka umwe, ari wo Umwuka Wera, Umwuka w'Imana akaba n'Umwuka wa Kristo;

(4) Ubuyobozi bw'igihugu n'ubw'Itorero buzajya bukorana bya hafi, kugira ngo ibyemezo byose bifatwa, bibe ari ibyubahiriza ubushake bw'Imana;

(5) Amategeko n'amabwiriza anyuranya n'Ijambo ry'Imana, ntazahabwa agaciro mu gihugu gishya, kabone n'iyo yaba yitwa ko arengera uburenganzira bw'ikiremwamuntu;

(6) Repubulika izasezererwa, isimburwe n'Ubwami bugengwa n'Umwami w'Abami Yesu Kristo;

(7) Demokarasi n'ibindi byose bijyana nayo, nk'amashyaka ya politiki, amatora n'ubwiganze bw'amajwi, nta mwanya bizaba bigifite mu gihugu gishya. Ishyaka rizaba ryemewe ni ishyaka ry'umurimo w'Imana, ryiswe ishyaka rya Kristo ku Ngoma;

(8) Hazimakazwa ubuyobozi bwicisha bugufi kandi bwubaha Imana, bubereyeho gukorera abayobowe, bwitwa mu gifaransa leadership serviteur, servant leadership mu cyongereza;

(9) Abantu bazajya binjizwa mu nzego z'Ubuyobozi hakurikijwe ko bazwiho ubwitonzi, ubushishozi no kuba inyangamugayo, nta kurobanurwa ku butoni, kandi babanje gusengerwa. Hari abazagomba gukurikirana inyigisho zibahugurira kwinjizwa mu Bishya, babanje kwiyambura imyumvire n'imigenzereze ya kera;

(10) Ububanyi n'amahanga buzavugururwa, bushingire ku mahame mashya y'ivugabutumwa, arimo guhamya Yesu Kristo wazutse kandi ugiye kugaruka. Hazafatwa kandi ingamba zigamije gukumira imyuka mibi n'ibindi byose byaturuka hanze bikabangamira ukubaho kw'abanyagihugu mu buzima bwejejwe bazaba bariyemeje.

## 3. Ku byerekeye imicungire y'ubukungu

Mu rwego rw'ubukungu, naho hari imikorere igomba gusezererwa burundu, irimo ubwikanyize bwa bamwe n'inyerezwa ry'umutungo rusange.

Nk'ubu mu bihugu byacu, ibikorwa byinjiza inyungu, hafi ya byose usanga biri mu maboko y'agatsiko k'abantu batoneshejwe n'Ubutegetsi. Mu Rwanda ho byarenze igipimo, kubera ko business hafi ya zose zikorwa



Ku bindi bisobanuro : WhatsApp Group: https://chat.whatsapp.com/ImcsATjEj3wC5WP6zfXui4 - E-Mail: info@abahishuwe.org - Website: www.abahishuwe.org

n'amasosiyete ya FPR, abereyeho mu by'ukuri kunyereza umutungo wa Leta, uganishwa mu mufuka w'umuntu umwe cyangwa umuryango umwe, utanihishira.

Dore zimwe mu ngingo zizitabwaho n'Ubuyobozi bushya, hagamijwe **guca burundu imigirire yose yabangamira ubukungu bw'igihugu**, hagambiriwe kandi **gushyira imbaraga muri gahunda zateza ubukungu imbere**, mu nyungu z'abanyagihugu:

(1) Ubusahuzi, gusesagura umutungo rusange, ruswa n'ibindi byose bizanira igihombo isanduku ya Leta, ntibizongera kubaho;

(2) Ababishinzwe bazihatira gucunga neza ibya rubanda, umusaruro w'igihugu usaranganywe abagituye nta n'umwe ushyizwe ku ruhande;

(3) Iryo hame ryo gusaranganya amikoro y'igihugu rizubahirizwa mu buryo bwitondewe, hagenerwa ibyangombwa by'ibanze abantu bose batifashije, nk'impfubyi, abapfakazi, abageze mu zabukuru, ibimuga n'abandi bose bazaba bakeneye ubufasha bwihariye;

(4) Ihame ry'uko buri mwenegihugu afite uburenganzira bwo kugira umutungo yigengaho (propriété privée) rizubahirizwa, abambuwe ibyabo babisubizwe, Leta nayo yisubize umutungo wayo wanyerejwe;

(5) Leta izashyigikira za initiatives privées, ni ukuvuga abiyemeza imirimo ku giti cyabo: umuntu wese uzajya agira igitekerezo cyo kwiteza imbere mu bikorwa n'igihugu cyabonamo inyungu, azajya aterwa inkunga mu rwego rwo kwiga imishinga no kuyishakira abashoramali;

(6) Hari n'ibindi byinshi bizitabwaho muri uwo mujyo wo kubungabunga no guteza imbere ubukungu bw'igihugu; bizaramburwa mu minsi iri imbere. Ibyo ni nk'ibijyanye n'iyubakwa ry'ibikorwa remezo (infrastructures), cyane cyane ibigamije kuvana mu bwigunge uturere twose tw'igihugu; hari kandi n'ibyerekeye imicungire y'ubutaka n'imiturire, kurwanya ubushomeli hôngerwa ibikorwa by'inganda, iby'ubukorikori, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, n'ibindi n'ibindi bitanga akazi, tutarondora ubu.

## 4. Mu rwego rw'imibereho n'imibanire y'abanyagihugu

Uko abantu bazaba babayeho n'uko bazaba babanye mu gihugu gishya nabyo byavugwaho byinshi, dore ko hari ibitari bike bigomba kuzarandurwa cyangwa gucibwa burundu, bidashobora kubangikana n'ibishya tuzaba twinjiyemo. Reka tugire bimwe ducaho akarongo, mu ngingo zigera kuri zirindwi:

(1) Ikibazo cy'amoko Hutu/Tutsi n'ingaruka zacyo zirimo ubwicanyi, intambara y'ubutegetsi, igifungo, ihahamuka n'ubuhunzi, kiri mu bigomba gukemuka burundu, kugira ngo kitazongera guteza amahano ibihugu byacu. Ubwoko ni virus umuntu avukana akayikurana, ntabwo byoroshye kuyikira. Umuti ni Yesu Kristo, mu gihe tumurimo nawe akatubamo atwuzuye, kuko icyo gihe nibwo tuba koko ibyaremwe bishya, ibya kera bikaba bishaje, aka rya jambo ryo mu rwa 2 rw'Abakorinto 5 :17.
Imana ikomeje kuvuga ko nta muntu n'umwe ukirangwaho amoko, uzinjizwa mu gihugu cy'isezerano, ariyo mpamvu abatarabikora basabwe kwihana amoko, basaba Yesu kubaranduramo iyo virus, iranduranywe n'imizi. Ababwirwa mbere y'abandi ni babandi biyumvamo ko ari abahutu cyane cyangwa ko ari abatutsi cyane.

(2) Mu bizajyana n'amoko nka bimwe bikundanye, harimo umwuka w'ubwibone buterwa na yo. Uwo ni wo wumvisha Abatutsi ko bavukiye guhaka no gutegeka kubera ko ari ubwoko bw'ibimanuka by'indobanure, naho Abahutu bo bakibwira ko ubutegetsi bugomba kuba ubwabo, kubera ko aribo benshi mu gihugu. Mu nkurikizi z'iyo myumvire nayo izaranduranwa n'imizi, harimo ya ngengabiterezo twise iyo kubirindurana ku butegetsi, twavuzeho ku bijyanye n'inzika y'inzigo iri hagati ya FDLR na FPR, ni ukuvuga hagati y'abahutu n'abatutsi muri rusange.

## Abahutu n'abatutsi bakeneye « délivrance » (kubohoka)

(3) Guhahamuka no guhungetwa bitewe n'amaraso abahutu n'abatutsi bamenana, nabyo biri mu bigomba kurangirana n'ikibazo cy'amoko. Iyo ubisuzumye neza, usanga nta muryango n'umwe utaragezweho n'ingaruka ziwuzahaza bishingiye ku moko: umuryango utariciwe, wagize imfungwa ziborera muri gereza, abahejejwe mu buhunzi, cyangwa abavutswa uburenganzira mu buryo n'ubundi, nk'abasenyerwa amazu, abarandurirwa imyaka, abamburwa amasambu, n'ibindi bijyanye n'iyica rubozo rikorerwa rubanda.

(4) Tuvuze ku biciwe by'umwihariko, abatutsi barokotse jenoside bakeneye délivrance, ni ukuvuga kubohoka. Impamvu ni uko bamaze imyaka irenga 30 FPR yarabafungiranye mu byunamo no kwibuka abapfuye, mu by'ukuri hagamijwe kubahahamura no kubatangaho ibitambo kwa Shitani, kugira ngo abadapfuye bapfe bahagaze, bityo FPR ishobore kubakoresha ibyo yishakiye mu nyungu zayo bwite, zirimo gucuruza jenoside yakorewe Abatutsi. Abo bacikacumu nk'uko biyita, barimwo abatotezwa mu buryo bukomeye (ndetse hari n'abicwa), abenshi bazira ko batahuye ukuri ku bugome bw'Inkotanyi zititaye ku gahinda k'abapfushije muri 1994, ahubwo ugasanga zishishikajwe n'amaronko jenoside izinjiriza, ari mu rwego rwa politiki, ari no mu rwego rw'ubukerarugendo.

Abahutu biciwe nabo bakeneye kubohoka (délivrance), kubera ko bo batanemerewe kugaragaza agahinda kabo, cyangwa gushyingura ababo mu cyubahiro nk'uko abacikacumu babigenje. Aho niho abatubuzi (cyangwa aba escrocs) binjiriye, bashinga irimbi kuri Internet, ngo rigiriyeho gufasha abahutu kuhashyingura ababo; cyakora iryo rimbi rya baringa rishobora kuba ryarasenyutse, ubanza abari kuribera abaguzi baratahuye ubushinyaguzi n'ubutubuzi biryihishe inyuma.

Ari ku bahutu ari no ku batutsi biciwe, délivrance nyayo izabakiza, ikabatandukanya burundu n'ihahamuka bamazemo iyo myaka yose, ni ukubibwira Yesu, ukabimuganyira byose, wa mugani w'umuririmbyi, wongeyeho ko Yesu ari we nshuti ihebuje. Kandi Yesu ubwe yivugiye ko ariwe uruhura abarushye n'abaremerewe (Matayo 11 :28-30).

Ibyo ariko bijyana no kumubera umugaragu, kandi umugaragu ntakora ibyo yishakiye, ahubwo asohoza ugushaka kwa Shebuja.

## Icyaha rusange n'ubuhunzi ntibizongera kuzahaza abanyagihugu

(5) Amahano yabaye mu bihugu byacu yagiye ahitana abantu, abandi akabagiraho inkurikizi, bishingiye ku cyaha rusange: umuntu akicwa, agafungwa cyangwa agahunga azira ibyaha bya bene wabo b'abahutu cyangwa b'abatutsi. Dufashe urugero ku Rwanda, abahutu bafunzwe bitwa Interahamwe zarimbuye abatutsi, abenshi bazira izo Nterahamwe nta cyo bahuriyeho nazo, uretse kuba basangiye ubuhutu. Ni kimwe n'uko abahutu bahunze igihugu, bitewe n'uko ubuhutu bwabo ari bwo bubatera kwishisha Inkotanyi, bukababuza gutekana. Ku ruhande rw'abatutsi, nabo rusange yarabashegeshe ; urugero ni urw'abishwe muri jenoside bazira ubututsi bwabo, kimwe n'uko amahano n'amabi yose Inkotanyi zakoze n'ayo zikora ubu byitirirwa abatutsi bose, kandi abenshi muri bo nta ruhare babifitemo.

Mu gihugu gishya, igihugu cyejejwe, abantu bazaba baritandukanyije n'amoko, baracagaguje amaraso ya Yesu Kristo imigozi yose yari ibaboheye ku bisekuru na za karande, ku buryo ntawe uzongera kuzira amasano, inkomoko n'ibindi byose rusange yuririraho. Ni nabwo ihame ry'uko icyaha ari gatozi rizakurikizwa, umuntu akabazwa ibye ku giti cye, nta kwirengera ingaruka z'ibyaha bya benewabo, mu gihe azaba yaritandukanyije n'ibya kera, ari mu gisekuru gishya, cyejejwe n'amaraso ya Yesu masa.

(6) Igihugu gishya kitakirangwamo amoko n'amakimbirane ayo ari yo yose, kizakirana amaboko yombi impunzi zitahutse, kandi twumva

ntawe uzitesha amahirwe Imana izaba itanze yo gusubira muri gakondo, dore ko nta n'uzaba agihangayikiye umutekano we, mu gihe yaba atahutse. Ikibazo cy'ubuhunzi kizaba gikemutse burundu, kuko impamvu zabuteraga zishingiye ahanini ku ntambara z'amoko n'iz'ubutegetsi, zizaba zaranduwe, abanyagihugu babana mu mahoro, amahoro nyayo atangwa na Yesu Kristo.

## Umuryango uzashyigikirwa bikomeye

(7) Umuryango uzitabwaho, ushyigikirwe kandi urengerwe mu buryo bwose, kuko ari wo shingiro ry'igihugu. Abagore n'abagabo bazahugurwa bamenye guhagarara neza buri wese mu muhamagaro we, kugira ngo icyubahiro cy'Imana gisugire, gisagambe. Izo mpuguro zizajya zitangwa no ku Basore n'Inkumi bagiye gushinga urugo, kugira ngo abasezerana kubana, bamenye neza inshingano z'umugore n'iz'umugabo mu mugambi w'Imana. Abageze mu zabukuru ntibazahabwa akato ngo babe ukwabo, ahubwo bazajya batuzwa hamwe n'abakiri bato, kugira ngo habeho ubusabane bw'abakuru n'abato (abo muri générations zitandukanye), bagire ibyo bunguranamo inama n'ibyo bigishanya.

(8) Hari n'izindi ngamba tuzarambura mu bihe biri imbere, nko gukuraho gahunda z'ibyunamo no kwibuka, n'ibindi byose bijyana nazo, bigahungeta abanyagihugu ; guca burundu gahunda zose zijyanye no kuboneza imbyaro, gukuramo inda, ubutinganyi n'ibindi byose bibangamiye Umugambi w'Imana ku biremwa byayo ; n'ibindi byemezo tutarondora ubu, nabyo bigamije gushyigikira no kurengera umuryango.

## UMUSOZO

Bibaye ngombwa ko ubu butumwa tubuhinira aha, kubera ko ibishya bizubakwa, n'imbuto z'umugisha zizaterwa mu gihugu cy'isezerano, tutabivuga ngo tubimareyo, kimwe n'ibishaje bigomba gusenywa, kurandurwa, kûbikwa cyangwa gutsembwa. Aha dukoresheje imvugo ya rya jambo ryo muri Yeremiya 1 :10 twashingiyeho igice cya kabiri cy'ubu butumwa.

Koko rero, haracyari byinshi byo kurambura mu nzego zinyuranye, nko mu birebana n'uburezi n'umuco, ubuzima bw'abaturage, itumanaho n'ikoranabuhanga muri rusange, n'izindi ngeri zifitanye isano n'iterambere mu by'ubukungu n'imibereho y'abaturage.

Icyo dukomeje gutsindagira ni uko ibidutegereje mu gihugu gishya, ari akataraboneka, kuberako bizaba birenze kuba byiza kandi ntaho bihuriye n'ibimenyerewe, ari mu mikorere y'Itorero, mu miyoborere y'igihugu, mu micungire y'ubukungu no mu mibereho n'imibanire y'abanyagihugu. Mu by'ukuri, bizatungura abantu, bibaza aho bivumbutse, cyane cyane abapinga ubushobozi n'ubushake bw'Imana, ari nabo bakerensa intambara zo mu Mwuka.

Turifuriza abasomye iyi nyandiko, umugisha wo gutura mu gihugu gishya, igihugu cyagutse, igihugu cyejejwe, igihugu kizaba kigiriyeho kubahisha Umwami w'Abami Yesu Kristo, mu Bubyutse buzagaragaza ubwiza bw'Uwiteka n'icyubahiro cye mu buryo butigeze bubaho. Icyo kifuzo cyerekejwe by'umwihariko kuri Bene Data dusangiye umuhamagaro mu Bahishuwe n'izindi Ntore za Yesu Kristo, ari abo turi kumwe ubu, ari n'abazadusanga mu minsi iri imbere.

Duterwe inkunga n'ubuhanuzi bwa Yeremiya buri kudusohorezwaho, aho Uwiteka abwira ubwoko bwe ati :
« *Nzabakoranya mbavane mu mahanga yose n'ahantu hose nabatatanyirije, nzabagarurra aho nabakuye mujyanwa ho iminyago* » (Yeremiya 29 :14). Haleluya !

Ubwo buhanuzi ni ubutuganisha muri gakondo yacu yo mu karere k'Ibiyaga Bigari by'Afurika yo hagati, ariko ntiduhweme kuzirikana ko gakondo y'ibanze ari iyo mw'Ijuru, tuyibungabunge turinda agakiza twahawe na Yesu Kristo, twumvira ijambo rye rigira riti : « *Ndaza vuba, komeza ibyo ufite hatagira ugutwara ikamba ryawe* ». (Ibyahishuwe 3 :11)

Umwuka Wera abidushoboze ; amen ! amen !

Umwanya turangirijeho ni **uw'abifuza kwakira agakiza**. Turashingira iki gikorwa kw'Ijambo ry'Imana ryanditse mu Abaroma 10 :9-10 : *« Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa ; kuko umutima ari wo umuntu yizeza akabarwaho gukiranuka, kandi akanwa akaba ari ko yatuza, agakizwa*. »

Wowe umaze gusoma iyi nyandiko, niba uri muri abo biyemeje gukizwa, ca bugufi, usenge muri aya magambo :

***« Mwami Yesu, ndizera ko uri Umwana w'Imana nzima, ko waje mu isi gucungura umwana w'umuntu, ugapfa ku musaraba w'isoni, ugahambwa, ukazuka ku munsi wa gatatu.***
***Nihannye ibyaha byanjye byose, ibyo nzi n'ibyo ntazi, ibyo nibuka n'ibyo ntibuka, ngo unyejeshe amaraso yawe.***
***Nkweguriye ubuzima bwanjye, uvane izina ryanjye mu gitabo cy'urupfu, Unyandike mu gitabo cy'ubugingo.***
***Undinde kamere n'ingeso mbi, unyobore mu nzira yo gukiranuka, kugeza umunsi uzaza kunjyana, tukazabana akaramata.***
***Nemeye ko Umbera Umwami, Umukiza n'Umucunguzi, none n'iteka ryose.***
***Ni mw'izina ryawe Yesu Kristo, izina risumba ayandi yose, nsenze nizeye.***

***Amen ! »***

Mwene Data, ndakumenyesha ko ugiriwe ubuntu bukomeye, kuba wakiriye agakiza kabonerwa muri Yesu Kristo ; kandi koko ntahandi agakiza kanoneka, kuko Yesu Kristo yivugiye ubwe, ko ari we nzira n'ukuri n'ubugingo ; ibyo byemezwa n'Ijambo ry'Imana (Yohana 14 :6).

Watwandikira unyuze kuri iyi **link**, tukagutera inkunga y'amasengesho, agukomeza mu nzira y'agakiza utangiye.

Turangirije kw'itangazo rigenewe ababa bafite ibyo babaza, ibyo batangaho ibitekerezo, ibyo basobanuza se, cyangwa uwaba ashaka kwakira Yesu, agakizwa :
Uwaba afite imwe muri izo mpamvu, yakwinjirira kuri iyi link **WhatsApp** cyangwa kuri e-mail address : **info@abahishuwe.org**

Umugisha mwinshi kuri wowe wasomye ubu butumwa kugeza ku ndunduro ; Amen !

***Mw'izina rya Ministeri y'Abahishuwe,***

***Nehemiya Ezra, Umugaragu wa Yesu Kristo w'i Nazareti***

***Kanama 2024***